IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 29 WERURWE 2015.

Ku Cyumweru tariki ya 29 Werurwe 2015; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe.

Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène. Umuyobozi w'inama amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 kuri 32 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Mu gutangiza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yerekanye kandi aha ikaze Abajyanama bashyashya binjiye mu Nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe basimbura Abajyanama batakiboneka kubera impamvu zitandukanye.

Abo bajyanama bashyashya ni aba bakurikira:

- Bwana AHISHAKIYE Emmanuel
- Bwana HAGENIMANA Martin
- Madamu UKUNDUWE Bienvenue
- Madamu UWAMAHORO Clotilde

Inama Njyanama yari yanatumiwemo kandi initabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere, abakozi bamwe na bamwe b'Akarere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama yibukije abitabiriye inama ingingo ziteganyijwe kwigwa zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y' inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye tariki ya 25 Mutarama 2015.
2. Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe mu mezi atandatu y'umwaka wa 2014-2015.
3. Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe mu gihembwe cya II cy'umwaka wa 2014-2015.
4. Kungurana ibitekerezo kuri raporo za "Audit Committee" y'Akarere ka Nyamagabe.
5. Kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ku birebana no kwagura "Centre" y'ubucuruzi ya Kitabi.
6. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kunoza isuku mu Karere
7. Gusimbuza bamwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya Kigeme;
8. Kugena no kwemeza ingengabihe y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe mu mwaka wa 2015.
9. Ibindi

Bamwe mu Bajyanama bagaragaje ibyo babona byihutirwa byakwigwa mu ngingo y' ibindi maze Abajyanama ku bwumvikane busesuye bemeza ko hasuzumwa ibitekerezo byatanzwe bikurikira:

a) Kungurana ibitekerezo ku cyifuzo cy'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe bifuza ko ingingo ya 101 iri mu Itegeko Nshinga yahindurwa no gusaba Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME kwemera akazaba umukandida ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu muri manda itaha.
b) Kwemeza imbonerahamwe ya serivisi fatizo zitangirwa ku Karere
c) Kwemeza abagize Komisiyo yo gucunga imitungo itagira bene yo
d) Kwemeza ikiruhuko cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari n'Ubukungu.
e) Kungurana ibitekerezo ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Mu kwemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa kandi Umunyamabanga wa "Audit Committee" y'Akarere yasabye ko ingingo ya 4 yakwigwa mu zibanza bitewe nuko ari we wari buyigeze ku Bajyanama kandi agomba no kujya gutabara umuvandimwe we wari wagize ibyago maze Inama Njyanama yemeza ku bwumvikane busesuye ko iyo ngingo igirwa iya kabiri ku murongo w'ibyigwa.

I. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y' INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE TARIKI YA 25 MUTARAMA 2015.

Inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 25 Mutarama 2015, imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo, yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama.

I. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO ZA "AUDIT COMMITTEE" Y'AKARERE KA NYAMAGABE.

Umunyamabanga wa "Audit Committee" yahawe ijambo ageza ku bagize Inama Njyanama raporo 2 za "Audit Committee" y'Akarere zikurikira:

A) Raporo ya "Audit Committee" y'Akarere yateranye ku wa 15 Ugushyingo 2014 ikagaragaza ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe n'Abagenzuzi Bwite b'Akarere mu gihembwe cya 3 cy'umwaka wa 2013-2014 mu Mirenge ya Kibumbwe, Mugano, Mushubi, Cyanika, Uwinkingi, Gasaka na Tare; ndetse ikanagaragaza n'ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe n'Abagenzuzi Bwite b'Akarere mu gihembwe cya 4 cy'umwaka

wa 2013-2014 mu Mirenge ya Kitabi, Kibirizi, Gatare, Nkomane, Kaduha, Musebeya, Buruhukiro no mu bigo by'amashuri.

B) Raporo ya "Audit Committee" y'Akarere ka Nyamagabe yateranye tariki ya 10 Mutarama 2015 ikagaragaza ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe n'abagenzuzi bwite b'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2014-2015 mu Mirenge ya Musange, Tare, Buruhukiro na Musebeya.

Ibyagarajwe na raporo ya "Audit Committee" Y'Akarere yateranye ku wa 15 Ugushyingo 2014 (mu mirenge imwe n'imwe) :

- Abakozi muri rusange ntibiyandika buri munsi uko baje ku kazi n'isaha bahagereye .
- Mu micungire ya dossiers z'abakozi, hagaragaye ko hari abakozi batarahabwa amabaruwa abashyira mu myanya y'akazi
- Imitungo y'Umurenge itabaruye (lack of asset register)
- Inama zo mu rwego rw'imiyoborere myiza zidakorwa uko bikwiye: PFM y'Umurenge, iza Njyanama, iz'Umutekano, iz' Abakozi/Management Meeting, n'iz'Inteko z'Abaturage
- Nta gitabo cyandikwamo amadeni Umurenge ufite cg ufitiye abandi
- Udutabo twinshi twakirirwamo imisanzu y'abaturage ku nyubako twaheze ku baduhawe
- Kutuzuza ibitabo bya "Livre caisse & banque" buri munsi
- Amafaranga y'ibigo by'amashuri asohoka hadakoreshejwe ''forms'' zizwi zisanzwe zikoreshwa mu bigo bya Leta
- Inkunga y'amatungo itarageze kubo yari igenewe.
- Ku kigereranyo kirenze 60% y'imibare ikubiye mu bice biba bigize Raporo kw'ikoreshwa ry'imari ya Leta igenerwa Imirenge binyujijwe mu ngengo y'Imari y'Akarere: usanga idafitiwe urutonde cyangwa "break down" ruhura n'ibyo yakoreshejwemo

➢ **Ibyagarajwe na raporo ya "Audit Committee" Y'Akarere yateranye tariki ya 10 Mutarama 2015 (mu Mirenge imwe n'imwe) :**

- Amafaranga yakoreshejwe hakabura impapuro na nke zisobanura ibyo yakoreshejwe
- Amafaranga yakoreshejwe hakaboneka impapuro zituzuye zigaragaza ibyo yakoreshejwe
- Amafaranga yishyuwe hadaciwe umusoro wa 3% ajya mu isanduku ya Leta
- Amafaranga y'amadeni ibigo bishamikiye ku Karere bifitiye abandi/ payable yatanzwe muri za raporo z'imari/ rapport financier ariko ku migereka yabugenewe muri izi raporo ngarukakwezi ntihagaragazwe incamake y'urutonde rw'abafitiwe aya madeni impamvu yayo n'amatariki yavukiye.

- Kutagira icyegeranyo gitanga isura ku mitungo yimukanwa n'itimukanwa, ibikoresho bibarirwa mu Mirenge
- Kudaterana kw'inama mpuzabikorwa ziteganijwe buri wa mbere/Management meeting
- Kudakoreshwa kw'igitabo cyandikwamo uburyo cheques z'Umurenge zakoreshejwe
- Kudakoreshwa kw'igitabo cyandikwamo fagitire zishyuza Umurenge.
- Kudatanga raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari yagenewe Imirenge

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri raporo zombi zavuzwe hejuru bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

- Buri rwego rw'ubuyobozi na buri kigo cyagenzuwe bigomba gukosora amakosa yose yagaragaye mu bugenzuzi bwakozwe n'abagenzuzi bwite b'Akarere mu gihembwe cya III n'icya IV by'umwaka wa 2013-2014 ndetse n'igihembwe cya I cy'umwaka wa 2014-2015
- Inama zose zatanzwe n'Abagenzuzi Bwite b'Akarere hamwe n'iz'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta zigomba gushyirwa mu bikorwa kandi bigatangirwa raporo.
- Gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga atangwa kuri buri rwego yaba Umurenge cyangwa ikigo.
- PFM ku nzego z'Imirenge zigomba kongererwa ubushobozi kandi imikorere yazo igakurikiranwa.
- Ikibazo cy'abaturage bafite ubumuga mu Murenge wa Kibirizi bari bahawe inkunga y'amatungo magufi ariko ntabagereho kigomba gukurikiranwa, abaturage bakarenganurwa.
- Amafaranga yasohotse mu Mirenge imwe n'imwe mu yagenzuwe hakabura impapuro zigaragaza uko yakoreshejwe agomba gukurikiranwa.
- Abagize uruhare urwo ari rwo rwose mu micungire mibi y'ibya rubanda bagomba gukurikiranwa n'inzego zibishinzwe hakurikijwe uko amategeko abiteganya

III . GUSUZUMA RAPORO YA KOMITE NYOBOZI IGARAGAZA IBYAKOZWE MU MEZI 6 Y'UMWAKA WA 2014-2015.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo bageza ku bagize Inama Njyanama raporo ikubiyemo ibikorwa byagezweho mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2014-2015.

Abajyanama basanze ibyakozwe byinshi biri mu mihigo y'Akarere . Mu mihigo 47 yo mu bukungu, 19 yari irengeje icyigereranyo cya 70%, 8 igeze ku kigereranyo kiri hagati ya 50 na 69%, 18 iri munsi ya 50% n'aho 2 yari itaratangira. Mu mihigo 9 yo mu mibereho myiza y'abaturage, 6 yari irengeje ikigereranyo cya 70%, 2 iri hagati ya 50 na 69%, n'aho umwe wari munsi ya 50%. Mu mihigo 19 iri mu nkingi y'imiyoborere myiza n'ubutabera, 5 yari hejuru ya 70%, 8 iri hagati ya 50 na 69% , 5 iri munsi ya 50% n'aho umwe wari utaratangira.

Komite Nyobozi y'Akarere yagaragarije kandi Inama Njyanama ingorane bahuye nazo zatumye Imihigo imwe n'imwe itihuta. Zimwe muri izo ngorane ni nko gutinda kubona ibikoresho byo kubaka amashuri no kutubahiriza amasezerano kuri ba rwiyemezamirimo batsindiye amasoko y'Akarere

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kujya hategurwa neza "contracts" zisinywa hagati y'Ubuyobozi bw'Akarere na ba rwiyemezamirimo kugira ngo hirindwe ingorane zavuka mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga.

- Mu rwego rwo kwihutisha imihigo iri inyuma, Komite Nyobozi izagirane imishyikirano na ba rwiyemezamirimo bakererewe kugira ngo hafatwe imyanzuro yo kwihutisha imirimo isigaye.

IV. GUSUZUMA RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA NYAMAGABE MU GIHEMBWE CYA II CY'UMWAKA WA 2014-2015

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2014-2015 mu buryo bukurikira:

Ku ngengo y'imari y'umwaka wa 2014-2015 yemejwe n'Inama Njyanama ingana na Miliyali cumi n'ebyiri na Miliyoni magana arindwi na mirongo ine n'enye n'Ibihumbi magana atandatu na cumi na bine na Magana ane na mirongo itanu n'abiri (12, 744, 614, 452 frw) hakoreshejwe angana na Miliyari enye na Miliyoni magana atatu na mirongo itatu n'eshanu n'Igihumbi kimwe na Mamagana arindwi na mirongo ine n'icyenda (4,335,001,749) bingana na 34.1% by'ingengo y'imari yose.

Kugeza ku itariki ya 31 Ukuboza 2014 ; ku ngengo y'imari isanzwe yemejwe n'Inama Njyanama ingana na Miliyari icyenda na Miliyoni eshanu n'Ibihumbi magana arindwi na mirongo inani na bitanu n'amafaranga mirongo itanu n'icyenda (9,005,785,059 frw) hari hamaze gukoreshwa angana na Miliyari eshatu na Miliyoni magana inani na cumi n'umunani n'Ibihumbi magana arindwi na mirongo irindwi n'umunani na magana arindwi na mirongo itanu na rimwe (3,818,778,751 frw) bingana na 42.40% by'ingengo y'imari isanzwe.

Ku ngengo y'imari y'Amajyambere yemejwe n'Inama Njyanama ingana na Miliyari eshatu na Miliyoni magana arindwi na mirongo itatu n'umunani n'Ibihumbi magana inani na makumyabiri

n'icyenda na magana atatu na mirongo icyenda n'atatu (3,738,829,393 frw) hari hamaze gukoreshwa angana na Miliyoni magana atanu na cumi n'eshanu n'Ibihumbi magana ane na mirongo itandatu na bitanu na magana inani na mirongo inani n'atanu (515,465,885 frw) bingana na 13.79% by'ingengo y'imari y'amajyambere.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo; Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko hagomba gukorwa ibishoboka byose kugira ngo amafaranga yateganijwe yose abonekere igihe ndetse n'ikoreshwa ryayo rikurikize imirimo yateganijwe kandi mu gihe cyagenwe.

V. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO YA KOMISIYO Y'IMARI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU KU BIREBANA NO KWAGURA "CENTRE" Y'UBUCURUZI YA KITABI.

Nk'uko byari byasabwe n' Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 26 Ukwakira 2014; Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yacukumbuye ibirebana n'icyifuzo cy'abikorera bo mu Murenge wa Kitabi cyo kwagura "centre" y'ubucuruzi nk'uko bigaragara mu ibaruwa n^0 094/07.02.05.09 yo ku wa 03/10/2014 Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kitabi yandikiye Ubuyobozi bw'Akarere abugaragariza ko centre ya Kitabi yasenywe n'imirimo y' isanwa ry'umuhanda Huye – Kitabi none bikaba bigaragara ko hakenewe ahakwagurirwa iyo "centre" ndetse mu ibaruwa bakanifuza ko iyo "centre" yakwagurirwa hafi aho hateye icyayi

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu; bashingiye ku bikubiye mu ibaruwa yo ku wa 13 Ugushyingo 2014 Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya KOBACYAMU yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yibutsa impungenge ku irandurwa ry'icyayi akagenera kopi umuyobozi mukuru wa NAEB, umuyobozi mukuru wa RMT n'umuyobozi mukuru wa FERWACOTHE; bashingiye kandi no ku ibaruwa n^0 1042/xxa82 Umuyobozi wa NAEB (National Agricultural Export Board) yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe agaragaza impungenge ku irandurwa ry'icyayi akagenera kopi Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

- Inama Njyanama ntiyashyigikira irandurwa ry'icyayi kandi ari kimwe mubigize ubukungu bw'u Rwanda. Irandurwa ry'icyayi ryatera izindi ngaruka nyinshi zirimo kugabanuka k'umusaruro w'icyayi n'ubukungu muri rusange.
- Komite Nyobozi izandikira KOBACYAMU ibaruwa ibasubiza kandi inabahumuriza ibizeza ko ntawenda kubarimburira icyayi.
- Komite Nyobozi izandikira abikorera bo mu Murenge wa Kitabi ibamenyesha ko aho bifuje kwagurira "centre" y'ubucuruzi batahahawe kubera ko byagira ingaruka mbi ku gihingwa cy'icyayi ubu gifite uruhare runini mu buzima bw'abatuye muri kariya gace

kandi inabamenyeshe ko iri mukubashakira ahandi haberanye n'ibikorwa by'abashoramari ku buryo bazahagurira ibikorwa byabo .

VI. KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KUNOZA ISUKU MU KARERE

Abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo bagaragariza Inama Njyanama uko isuku n'isukura bihagaze mu Karere ka Nyamagabe.

Komite Nyobozi yagaragaje ko mu ndwara 10 za mbere zibasiye abenegihugu batuye Akarere ka Nyamagabe, hari izigera kuri 60% ziterwa n'umwanda.

Abajyanama bamaze kngurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, bemeje ku bwumvikane busesuye ingamba zikurikira:

- Gukoresha amarushanwa y'isuku mu Midugudu, abagize umwanya wa mbere bakabishimirwa n'aho abagize umwanya w'inyuma bakabigayirwa kugeza igihe isuku izaba umuco kuri buri muntu.
- "Club" z'isuku n'isukura ku rwego rw'imidugudu zigomba kongerwamo imbaraga zikanafashwa kunoza imikorere yazo.
- Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yo mu Nama Njyanama izakora "descente" hirya no hino mu Mirenge maze izahe Inama Njyanama raporo y'uko isuku ihagaze mu Karere,
- Komite Nyobozi izaganirize abanyamadini maze ibasabe kugira uruhare mu kwigisha abayoboke kugira isuku.
- Mu nama z'uburezi, abayobozi bagomba gukangurira abarezi gushishikariza abo barera kugira isuku muri byose n'aho bari hose.
- Gukoresha intore zo ku rugerero mu byerekeranye no kwigisha abenegihugu kugira isuku cyane cyane mu gace batuyemo.
- Abayobozi ku nzego zose mu nama bagirana n'abenegihugu bage bafata nibura iminota ibiri bakangurire abitabiriye inama kugira isuku no kuba ijisho ry'isuku aho bari hose.
- Abajyanama biyemeje kuba ijisho ry'isuku aho batuye, aho bakora n'aho bajya mu butumwa butandukanye.

VII. GUSIMBUZA BAMWE MU BAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI Y'IBITARO BYA KIGEME

Inama Njyanama yagejejweho na Komite Nyobozi "proposals" ku basimbura bamwe mu bari bagize inama y'ubutegetsi y'ibitaro bya Kigeme batakiboneka; maze nyuma yo kuzisuzuma igasanga izo " proposals" zarakozwe hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri w'Ubuzima agena

imiterere y'inzego z'Ubuyobozi n'imiyoborere y'ibitaro n'ikigo nderabuzima, Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ko Bwana UWIMANA Célestin (Uhagarariye abikorera mu Karere ka Nyamagabe) asimbura Bwana NDOLI Henri KARANGWA (utagihagarariye abikorera mu Karere ka Nyamagabe); Bwana SAHUNKUYE Edouard (uhagarariye amashyirahamwe adaharanira inyungu) agasimbura Bwana MUHWEZI Frank utakiboneka.

VIII. KUGENA NO KWEMEZA INGENGABIHE Y'INAMA ZISANZWE Z'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE MU MWAKA WA 2015.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, bemeje ku bwumvikane busesuye ingengabihe y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe mu mwaka wa 2015 ku buryo bukurikira:

- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya mbere 2015 yabaye tariki ya 29 Werurwe 2015
- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya kabiri 2015 iteganyijwe tariki ya 31 Gicurasi 2015
- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya gatatu 2015 iteganyijwe tariki ya 30 Kanama 2015
- Inama Njyanama y'igihembwe cya kane cya 2015 iteganyijwe tariki ya 29 Ugushyingo 2015

IX. IBINDI.

a) Kungurana ibitekerezo ku cyifuzo cy'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe bifuza ko ingingo ya 101 yo mu Itegeko Nshinga (ivuga ibyerekeranye n'umubare wa manda ku mwanya wa Perezida wa Repubulika) yahindurwa ndetse bakaba banasaba ko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME yazabemerera akazatanga "candidature" ye mu matora yo ku mwanya wa Perezida wa Repubulika muri manda itaha.

Abajyanama bahagarariye Imirenge itandukanye n'ibyiciro bitandukanye mu Nama Njyanama bahawe ijambo maze bageza ku bari mu nama ibyifuzo by'abaturage mu buryo bukurikira:

Bitewe n'intambwe ntagereranywa mu nzego zose abaturage ba Nyamagabe bavuga ko bamaze gutera babikesheje Nyakubahwa Paul KAGAME akaba na Perezida wa Repuburika; abaturage ba Nyamagabe bifuje kenshi kandi banagaragaza mu buryo butandukanye ko ingingo ya 101 yo mu Itegeko Nshinga ivuga umubare wa manda ku mwanya wa Perezida wa Repubulika yahindurwa maze hakongerwa umubare wa manda kuri uwo mwanya; bityo imbogamizi zaterwaga nibikubiye muri iriya ngingo zikaba zivuyeho maze abaturage bagashobora kwitorera Perezida wa Repubulika inshuro bashatse zose mu gihe babona ko abayobora neza.

Abatuye Nyamagabe kandi bakomeza bavuga ko mu rwego rwo gusigasira ibyiza bamaze kugeraho no gushobora kuzagera ku ntego bihaye mu bihe biri imbere; babona kandi bakemera ko Nyakubahwa Paul KAGAME ari we wenyine wabibashoboza kubera ko yabashoboje kugera ku bindi byinshi byatumye ubuzima bwabo bumera neza. Kubera izo mpamvu; abatuye Nyamagabe barifuza ko Nyakubahwa Paul Kagame akaba na Perezida wa Repubulika yazabemerera akazatanga "candidature" ye mu matora yo ku mwanya wa Perezida wa Repubulika muri manda itaha kugira ngo bongere bamwitorere abageze muri vision 20-20 bari mugukozaho imitwe y'intoki.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku byifuzo by'abaturage byavuzwe haruguru bivuzwe n' Abajyanama babahagarariye mu Nama Njyanama; bashyigikiye ku bwumvikane busesuye ibyo ibyifuzo cyane cyane ko banasanze binahura neza n'ibyifuzo by'Abajyanama ubwabo; bityo biyemeza ku bwumvikane busesuye ko bagiye gukora ubuvugizi ku nzego zibakuriye kugira ngo zibafashe kumvikanisha ibyifuzo basangiye n'abaturage kuri ibi bikurikira:

- Guhindura ingingo ya 101 yo mu Itegeko Nshinga nk'uko abaturage by'umwihariko ab'Akarere ka Nyamagabe babyifuza bikwiye gukorwa maze umubare wa manda ku mwanya wa Perezida wa Repubulika ukarenga kure manda ebyiri bityo abaturage bagahabwa uburenganzira bwabo bwo kugena ubayobora.

- Gusaba Nyakubahwa Paul KAGAME akaba na Perezida wa Repubulika ko yazemera akongera gutanga "candidature" ye mu matora yo ku mwanya wa Perezida wa Repubulika muri manda itaha kugira ngo twongere tumwitorere agumye aduteze imbere kuko yagaragaje ko ari ntagereranywa muri byinshi.

b) Kwemeza imbonerahamwe ya serivisi fatizo zitangirwa ku Karere, Umurenge n'Akagari.

Abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo bageza ku Bajyanama imbonerahamwe ikubiyemo serivisi fatizo zitangirwa ku Karere, Umurenge n'Akagari. Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyo mbonerahamwe bayemeje ku bwumvikane busesuye. Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga imbonerahamwe igaragaza serivisi zitangirwa ku Karere, ku Murenge no ku Kagari.

c) Gushyiraho Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira beneyo.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo maze bageza ku Bajyanama ibikubiye mu itegeko N^0 28/2004 ryo kuwa 03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo idafite bene yo. Abajyanama nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iryo tegeko no kumenyeshwa na Komite Nyobozi ibikubiye mu ibaruwa n^0 2049/ 0804/SM/AJD yo ku wa 26 Ugushyingo 2014 ya Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta isaba gushyiraho Komisiyo yo gucunga imitungo itagira bene yo iri mu Karere; bemeje ku bwumvikane busesuye abagize Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo nk'uko bagaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

N^0	AMAZINA	ICYO ASANZWE AKORA
1	MUNYANEZA Moïse	Umunyamategeko w'Akarere
2	UWAMAHORO Clotilde	Umukozi wa RSSB
3	HABAYO SINIBAGIWE Juvenal	Umuhuzabikorwa wa '' One Stop Center''
4	INEZA Liliane	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umusigire mu Murenge wa Tare
5	NKOMEZAMIHIGO Alphonse	Umukozi wa CNLG mu Karere ka Nyamagabe na Nyaruguru

Mu gusoza iyi ngingo, Abajyanama bashingiye ku Itegeko ryavuzwe haruguru cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13 ahavugwa ko abagize Komisiyo bagomba guhabwa insimburamubyizi igihe bakoze akazi kerekeye imitungo idafite bene yo kandi umubare w'amafaranga bahabwa ukaba ugenwa n'urwego rwabashyizeho; ku bwumvikane busesuye, bemeje ko bazajya bahabwa insimburamubyizi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi makumyabiri (20,000 Rwf) igihe bateranye.

d) Ikiruhuko cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu

Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ikiruhuko cy'umwaka wa 2015 cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, Madamu MUKARWEGO UMUHOZA Immaculée, nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe ku wa 27/03/2015. Icyo kiruhuko kikaba kizatangira tariki ya 06 Mata 2015 kikazarangira tariki ya 05 Gicurasi 2015.

e) Kungurana ibitekerezo ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994

Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Bwana BYIRINGIRO Emile yagejeje ku Bajyanama aho imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi igeze; anabagezaho ubutumwa bwatanzwe na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside bwerekeranye n'ibizibandwaho mu gihe cyo kwibuka ari byo kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi, kurushaho gushimangira ukuri kwubaka umuryango nyarwanda, kwegera abacitse ku icumu no kubafata mu mugongo.

Abajyanama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo, bashimye ibyakozwe n'ibiteganijwe gukorwa ndetse baniyemeza kubigira ibyabo, maze banemeza ku bwumvikane busesuye ko by'umwihariko mu gihe cyo kwibuka hazitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kwita ku mutekano w'abacitse ku icumu rya Jenoside
- Gutegura Abajyanama b'ihungabana hakiri kare kugira ngo bazatange ubufasha mu gihe cy'icyunamo.
- Gushishikariza abantu kwitabira icyunamo n'izindi gahunda ziteganyijwe muri icyo gihe harimo ibiganiro bizabera ku rwego rw'Imidugudu.
- Gusukura inzibutso za Jenoside.
- Muri buri Mudugudu, hagomba gutegurwa ibikorwa bifatika byo gufasha abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe abatutsi (Kubasura, kubahumuriza, kubakorera ibikorwa bifatika, kubaha ibikoresho n'ibindi).
- Abantu bazatanga ibiganiro bagomba kubimenyeshwa hakiri kare.

Igihe cyose, mu nama zose z'ubuyobozi ku nzego zitandukanye, abaturage b'ingeri zose bagomba gukangurirwa kwirinda amagambo akomeretsanya hamwe n'ingengabitekerezo ya Jenoside mu buryo bwose yagaragaramo.

Inama yatangije imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itatu n'itanu (10h35) iyisoza saa [illegible] n'iminota makumyabiri n'itandatu z'umugoroba (19h26).

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe